REPUBULIKA Y'U RWANDA

URUKIKO RWISUMBUYE RWA
GASABO

**ICYEMEZO GITEGEKA UWIHISHE CYANGWA UWATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO RWISUMBUYE RWA GASABO.**

Umwaka wa 2023 umunsi wa 18 ukwezi kwa MUTARAMA;

Twebwe GAJU Jeanne, umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, dufashjwe n'umwanditsi warwo UWIZEYIMANA Flora;

Tumaze kubona ko Ubushinjacyaha ku Rwego Rwisumbuye rwa Gasabo bwaregeye Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, uwitwa **RWAKANA MAPENDO** utuye mu mudugudu wa Gitwa, akagali ka Gihembe, umurenge wa Rugarika, akarere ka Kamonyi, mu ntara y'Amajyepfo, ukurikiranwe nk'uwihishe ubutabera, ukurikiranyweho icyaha cyo gusambanya umwana, icyaha bitenywa kandi kigahanishwa n'ingingo ya 4 y'itegeko N° 69/2019 ryo ku wa 08/11/2019 rihindura Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange;

Tumaze kubona ko ikirego cy'Ubushinjacyaha gifite numero 02122/IPRL GASA/2021/FM/RM kigeze mu rukiko gihabwa N° RP 00905/2021/TGI/GSBO ;

Tumaze kubona ko urubanza rwahawe itariki yo kuburanishwa yo ku wa 18/01/2023 saa mbiri za mu gitondo ariko **RWAKANA MAPENDO** uregwa ntiyitabe Urukiko kuko yarezwe nk'uwatorotse ubutabera, urubanza rukimurirwa tariki ya 22/02/2023 kugira ngo ahamagazwe nkuwatorotse ubutabera;

Dushingiye ku ngingo ya 160 y'Itegeko n° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha iteganya uko uwihishe cyangwa uwatorotse ubutabera ahamagazwa, no ku ngingo ya 162 iteganya uko acirwa urubanza iyo atitabye;

Dutegetse **RWAKANA MAPENDO** kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo kuwa **22/02/2023 saa tatu za mugitondo (9h00)**, kugira ngo aburane urubanza rwavuzwe aregwamo n'Ubushinjacyaha, natitaba hazemezwa ko yasuzuguye amategeko, acirwe urubanza adahari;

Dutegetse ko iki cyemezo kimanikwa ahabigenewe ku Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo no gutangazwa **ku rubuga rw'urukiko rw'ikirenga.**

**GAJU Jeanne**

**UMUCAMANZA**

**UWIZEYIMANA Flora**

**UMWANDITSI**